Padiri Jean-Marie Vianney Twagirayezu yagizwe umushumba wa Diyosezi ya Kibungo.

February 20, 2023

Nyuma yo kumara iguhe kinini gisaga imyaka itanu iyoborwa na Cardinal Kambanda unayobora Arkidiyosezi ya Kigali, diyosezi gatorika ya Kibungo yabonye umushumba mushya.

Papa Francis yagize Padiri Jean-Marie Vianney Twagirayezu, Umushumba wa Diyosezi ya Kibungo. Yari asanzwe ari Umunyamabanga Mukuru wa Caritas Rwanda.

Byamenyekanye binyuze mu itangazo ibiro bya Vatican byashyize ahagaragara Kuri uyu wa 20 Gashyantare 2023.

Padiri Twagirayezu yavuze ko aya makuru yayamenye ari ku Nyundo ari mu kazi gasanzwe akora muri Caritas Rwanda.

Ati “Inkuru nanjye nyumvise mukanya gashize. Nabyakiranye ukwemera, nabyakiranye icyubahiro dusanzwe tugirira Kiliziya yacu nashimira Papa n’Abepiskopi bangaragarije icyo cyizere kandi nanjye nkumva nyuzwe no gukomeza gukorera kiliziya n’abantu bose

Diyosezi ya Kibungo yari imaze imyaka ine idafite Umwepiskopi bwite kuko Cardinal Antoine Kambanda yahawe ubutumwa muri Arkidiyosezi ya Kigali, akaba yari umuyobozi wayo.

Padiri Twagirayezu yavuze ko yishimiye guhabwa ubutumwa muri Diyosezi ya Kibungo, akaba asanga ari ubuvandimwe burushijeho gukura hagati ye n’abakristu b’iyi diyosezi.

Ati “Ijambo mbafitiye ni ukubishimira. Ubusanzwe twebwe abakristu ababatijwe, twese tuba dufitanye isano iruta iy’amaraso. Ubungubu rero bibaye mahire kuko iyo sano igiye gukomera bya hafi kuko tuzaba turi kumwe ahongaho i Kibungo.

Ni ubuvandimwe bukomeza kandi burushaho gukura”.

Cardinal Kambanda wayiyoboraga yahawe inshingano zo kuyobora Arkidiyosezi ya Kigali, nyuma yuko Musenyeri Thadee Ntihinyurwa agiye mu kiruhuko cy’izabukuru.

Musenyeri mushya Jean Marie Vianney Twagirayezu, yavuze ku wa 21 Nyakanga 1960, avukira ku gisenyi ubu ni muri Diyosezi Gatorika ya Nyundo.

ITANGAZO RY'IBIRO BY'INTUMWA YA PAPA MU RWANDA

Ibiro by'Intumwa ya Papa mu Rwanda bitewe ishema no gutangaza ko kuri uyu munsi wa none, ku wa 20 Gashyantare 2023, saa sita zuzuye ku isaha ya Roma ari yo saa saba ku isaha ya Kigali, Nyirubutungane Papa Fransisiko yagennye Nyakubahwa Padiri Yohani Mariya Viyani TWAGIRAYEZU, wari Umunyamabanga Mukuru wa CARITAS RWANDA kugeza ubu, ngo abe Umwepiskopi bwite wa Diyosezi ya KIBUNGO.

Ibiro by'Intumwa ya Papa bibagejejeho kandi iby'ingenzi byaranze ubuzima n'ubutumwa Umushumba mushya yagiye ashingwa muri Kiliziya:

- ✓ Yavutse ku wa 21 Nyakanga 1960 ku Gisenyi ho muri Diyosezi ya Nyundo
- ✓ 1988-1990 : yize ikiciro cya Filozofiya mu Iseminari Nkuru ya Nyakibanda ho muri Diyosezi ya Butare
- ✓ 1990-1994 : yize ikiciro cya Tewolojiya mu Iseminari Nkuru ya Nyakibanda ho muri Diyosezi ya Butare
- ✓ Ku itariki 8 Ukwakira 1995 ni ho yahawe ubupadiri nk'umupadiri wa Diyosezi ya Nyundo
- ✓ 1995-1997 : Yosohoje ubutumwa mu ma Paruwasi ya Muramba na Kibingo ho muri Nyundo nk'Umupadiri wungirije Padiri Mukuru
- ✓ 1997-2000 : Yagiye kungura ubumenyi muri Tewolojiya muri Kaminuza Gatolika y'i Louvain ho mu mu Bubiligi ahakura impamyabumenyi
- ✓ 2000-2002 : Yabaye Umuyobozi wa CARITAS ya Diyosezi ya Nyundo
- ✓ 2002-2009 : Yashinzwe ubutumwa bwo kwita ku mutungo wa Diyosezi ya Nyundo
- ✓ 2009-2016 : Yasubiye mu Bubiligi ahakura impamyabumenyi mu gucunga imishinga ari nako akora ubushakashatsi bwo ku rwego rw'ikirenga, Doctorat/PhD candidate, muri Tewolojiya muri Kaminuza Gatolika y'i Louvain
- ✓ 2016-2023 : yasohoje ubutumwa muri CARITAS RWANDA nk'Umunyamabanga Mukuru wayo
- ✓ Ku wa 20 Gashyantare 2023, Papa Fransisiko yamutoreye kuba Umwepiskopi wa Diyosezi Kibungo.

Ibiro by'Intumwa ya Papa mu Rwanda bibaye bishimiye ibinyamakuru byandika, amaradiyo n'amateleviziyo byo mu Rwanda biri butangaze iyi nkuru.

Bikorewe i Kigali, ku wa 20 Gashyantare 2023

CONFERENCE EPISCOPALE DU RWANDA
SECRETARIAT GENERAL
B.P. 357 KIGALI
RWANDA
C.E.P.R.

Bihinduwe mu Kinyarwanda n'Ubunyamabanga Bukuru bw'Inama y'Abepiskopi Gatolika mu Rwanda